| Umwaka wa 63 | Year 63 | 63ème Année |
| --- | --- | --- |
| **Igazeti ya Leta n° Idasanzwe Bis yo ku wa 08/03/2024** | **Official Gazette n° Special Bis of 08/03/2024** | **Journal Officiel n° Spécial Bis du 08/03/2024** |

# Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

## *Amategeko/ Laws/ Lois*

**Itegeko nº 007/2023 ryo ku wa 22/01/2024** rihindura Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi......2
**Law nº007/2023 of 22/01/2024** amending Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure......2
**Loi nº 007/2023 du 22/01/2024** modifiant la Loi nº 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative......2

**Itegeko n° 023/2024 ryo ku wa 25/01/2024** rigenga Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko......13
**Law nº 023/2024 of 25/01/2024** governing Rwanda Law Reform Commission......13
**Loi n° 023/2024 du 25/01/2024** régissant la Commission du Rwanda de Réforme du Droit....13

**Itegeko nº 024/2024 ryo ku wa 26/01/2024** rihindura Itegeko nº 007/2019 ryo ku wa 13/04/2019 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisiviri......29
**Law nº 024/2024 of 26/01/2024** amending Law nº 007/2019 of 13/04/2019 establishing Rwanda Civil Aviation Authority......29
**Loi n° 024/2024 du 26/01/2024** modifiant la Loi n° 007/2019 du 13/04/2019 portant création de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile......29

| ITEGEKO Nº 007/2023 RYO KU WA 22/01/2024 RIHINDURA ITEGEKO Nº 22/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI | LAW Nº007/2023 OF 22/01/2024 AMENDING LAW Nº 22/2018 OF 29/04/2018 RELATING TO THE CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE | LOI Nº 007/2023 DU 22/01/2024 MODIFIANT LA LOI Nº 22/2018 DU 29/04/2018 PORTANT CODE DE PROCÉDURE CIVILE, COMMERCIALE, SOCIALE ET ADMINISTRATIVE |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Ibihano ku muyobozi wanze gushyira mu bikorwa ibyategetswe mu rubanza** | **Article One: Sanctions against an administrative authority for non-execution of a judgement** | **Article premier: Non-exécution du jugement par une autorité administrative** |
| **Ingingo ya 2: Gukora igenagaciro ry'ibyafatiriwe** | **Article 2: Valuation of seized property** | **Article 2: Évaluation des biens saisis** |
| **Ingingo ya 3: Itangazwa rya cyamunara** | **Article 3: Publication of a public auction** | **Article 3: Publication d'une vente aux enchères publiques** |
| **Ingingo ya 4: Ibigomba kubahirizwa mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyerekeranye n'umutungo** | **Article 4: Requirements prior to execution of a decision related to property** | **Article 4: Conditions préalables à l'exécution d'une décision relative aux biens** |
| **Ingingo ya 5: Ikemurwa ry'impaka zivutse mu irangizwa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca** | **Article 5: Settlement of disputes arising from the execution of a judgment rendered by a Gacaca Court** | **Article 5: Règlement des litiges liés à l'exécution d'un jugement rendu par une Juridiction Gacaca** |
| **Ingingo ya 6: Ingingo y'ururimi** | **Article 6: Language provision** | **Article 6: Disposition linguistique** |
| **Ingingo ya 7: Gutangira gukurikizwa** | **Article 7: Entry into force** | **Article 7 : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 007/2023 RYO KU WA 22/01/2024 RIHINDURA ITEGEKO Nº 22/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI** | **LAW Nº 007/2023 OF 22/01/2024 AMENDING LAW Nº 22/2018 OF 29/04/2018 RELATING TO THE CIVIL, COMMERCIAL, LABOUR AND ADMINISTRATIVE PROCEDURE** | **LOI N° 007/2023 DU 22/01/2024 MODIFIANT LA LOI Nº 22/2018 DU 29/04/2018 PORTANT CODE DE PROCÉDURE CIVILE, COMMERCIALE, SOCIALE ET ADMINISTRATIVE** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ, ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Ukuboza 2023; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 December 2023; | La Chambre des Députés, en sa séance du 20 décembre 2023; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64; |
| Isubiye ku Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza | Having reviewed Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and | Revu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale |

| | | |
|---|---|---|
| z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 184, iya 252 n'iya 253; | administrative procedure as amended, especially in Articles 184, 252 and 253; | et administrative telle que modifiée, spécialement en ses articles 184, 252 et 253; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Ibihano ku muyobozi wanze gushyira mu bikorwa ibyategetswe mu rubanza** | **<u>Article One</u>: Sanctions against an administrative authority for non-execution of a judgement** | **<u>Article premier</u>: Non-exécution du jugement par une autorité administrative** |
| Ingingo ya 184 y'Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, ivanyweho. | Article 184 of Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure as amended, is repealed. | L'article 184 de la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative telle que modifiée, est abrogé. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Gukora igenagaciro ry'ibyafatiriwe** | **<u>Article 2</u>: Valuation of seized property** | **<u>Article 2</u>: Évaluation des biens saisis** |
| Ingingo ya 252 y'Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 252 of Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure as amended, is amended as follows: | L'article 252 de la Loi nº 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative telle que modifiée, est modifié comme suit: |
| « (1) Umuhesha w'inkiko umaze gukora inyandikomvugo y'ifatirabwishyu, akoresha igenagaciro ry'imitungo yafatiriwe mu gihe kitarenze iminsi 15, yifashishije impuguke ahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro ku | « (1)A bailiff who does a statement of seizure looks for an expert from the Institute of Real Property Valuers in Rwanda to carry out a valuation of the seized property within 15 days, and submits the report of valuation to the owner | « (1) L'huissier de justice qui fait la déclaration de saisie procède à l'évaluation des biens saisis dans un délai de 15 jours à l'aide d'un expert sollicité auprès de l'Ordre d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda, et soumet le |

| | | |
|---|---|---|
| mutungo utimukanwa mu Rwanda, raporo y'igenagaciro akayishyikiriza nyir'umutungo ufatiriwe, uwishyuzwa n'uwishyuza, akagenera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari umutungo uherereyemo. Iyo raporo y'igenagaciro itangazwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa. | of the property seized, the debtor and the creditor with a copy to the Executive Secretary of the Cell where the property is located. The valuation report is published on the Database of Judgements Enforcement. | rapport d'évaluation au propriétaire du bien saisi, au débiteur et au créancier et réserve copie au Secrétaire Exécutif de la Cellule où se trouve le bien. Ce rapport d'évaluation est publié sur la Base de Données d'Exécution des Jugements. |
| (2) Uwishyuza, uwishyuzwa na nyir'umutungo utezwa cyamunara bafite uburenganzira bwo kunyomoza igenagaciro rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uhereye ku munsi bamenyesherejweho raporo y'igenagaciro, bifashishije impuguke bahawe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda. | (2) The creditor, the debtor and owner of property to be auctioned have the right to contest the valuation referred to in Paragraph (1) of this Article within 15 days counted from the day of notification of the valuation report, by a counter-valuation carried out by an expert made available to them by the Institute of Real Property Valuers in Rwanda. | (2) Le créancier, le débiteur et le propriétaire du bien à vendre aux enchères ont le droit de contester l'évaluation visée au paragraphe (1) du présent article dans un délai de 15 jours comptés à partir du jour de notification du rapport de l'évaluation, à l'appui d'une contre-expertise effectuée par un expert mis à leur disposition par l'Ordre d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda. |
| (3) Iyo habayeho igenagaciro rinyomoza, umuhesha w'inkiko yemeza igiciro mpuzandengo ashingiye ku gaciro katanzwe n'abagenagaciro bose.» | (3) In case of counter-valuation, the bailiff approves the average value based on the valuation made by all valuers. » | (3) En cas de contre-expertise, l'huissier de justice approuve la valeur moyenne basée sur l'évaluation faite par tous les évaluateurs. » |
| **Ingingo ya 3: Itangazwa rya cyamunara** | **Article 3: Publication of a public auction** | **Article 3: Publication d'une vente aux enchères publiques** |
| Ingingo ya 253 y'Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza | Article 253 of Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and | L'article 253 de la Loi nº 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, |

| | | |
|---|---|---|
| z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, ihinduwe ku buryo bukurikira: | administrative procedure as amended, is amended as follows: | commerciale, sociale et administrative telle que modifiée, est modifié comme suit: |
| (1) «Itangazo rya cyamunara ritangazwa mu bihe bikurikira: | (1) «The notice of public auction is published within the following periods: | (1) « L'annonce de vente aux enchères publiques est publiée dans les délais suivants: |
| (a) iyo iminsi 15 yagenewe kunyomoza igenagaciro ryakoreshejwe n'umuhesha w'inkiko ku mutungo ugomba kugurishwa mu cyamunara, iteganywa mu gika cya (2) cy'ingingo ya 252 y'iri tegeko irangiye nta nyomoza rikozwe, umuhesha w'inkiko atangaza cyamunara mu gihe kitarenze amasaha 48; | (a) when the 15-day period for contesting the valuation carried out on the request of the bailiff to the property to be auctioned, provided for in Paragraph (2) of Article 252 of this Law, expires without contestation, the bailiff announces the public auction within 48 hours; | (a) lorsque le délai de 15 jours pour la contestation de l'évaluation menée à la demande de l'huissier de justice sur le bien à vendre aux enchères, prévu au paragraphe (2) de l'article 252 de la présente loi, expire sans qu'il y ait contestation, l'huissier de justice annonce la vente aux enchères publiques dans un délai de 48 heures; |
| (b) iyo habayeho igenagaciro rinyomoza iryakoreshejwe n'umuhesha w'inkiko ku mutungo ugomba kugurishwa mu cyamunara, umuhesha w'inkiko atangaza cyamunara mu gihe kitarenze amasaha 48 abarwa uhereye igihe yemereje igiciro mpuzandengo kivugwa mu gika cya (3) cy'ingingo ya 252 y'iri tegeko. | (b) In case of counter-valuation over the previous valuation performed on the request of the bailiff on property to be auctioned, the bailiff announces the public auction within 48 hours from the approval of the average value referred to in paragraph (3) of Article 252 of this Law. | (b) En cas de contre-expertise par rapport à l'expertise antérieure effectuée à la demande de l'huissier de justice sur le bien à vendre aux enchères, l'huissier de justice publie l'annonce de vente aux enchères dans un délai de 48 heures comptées à partir de l'approbation de la valeur moyenne visée au paragraphe (3) de l'article 252 de la présente loi. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Itangazo rya cyamunara – | (2) The notice of public auction – | (2) L'annonce de vente aux enchères publiques– |
| (a) rigaragaza – | (a) specifies – | (a) spécifie – |
| (i) umutungo ugomba gutezwa cyamunara; | (i) the property to be auctioned; | (i) le bien à vendre aux enchères ; |
| (ii) umwirondoro wa nyir'umutungo utezwa cyamunara; | (ii) the identity of the owner of the property to be auctioned; | (ii) l'identité du propriétaire du bien à vendre aux enchères; |
| (iii)umwirondoro w'uwishyuza; | (iii) the identity of the creditor; | (iii) l'identité du créancier; |
| (iv)impamvu ya cyamunara; | (iv) the reason of the auction; | (iv) le motif de la vente aux enchères; |
| (v) aho umutungo uherereye; | (v) the location of the property; | (v) l'emplacement du bien; |
| (vi)agaciro k'umutungo ugurishwa; | (vi) value of property subject to public auction; | (vi) la valeur de la propriété faisant l'objet de vente aux enchères; |
| (vii) ingano y'ingwate y'ipiganwa, mu gihe ingwate isabwa; | (vii) the amount of the bid security when it is required; | (vii) le montant de la caution de soumission lorsqu'elle est requise; |
| (viii) konti yishyurirwaho ingwate y'ipiganwa, mu gihe iyo ngwate isabwa; | (viii) the account on which the bid security is paid, when the bid security is required; | (viii) le compte sur lequel la caution de soumission est versée lorsqu'elle est requise; |

| | | |
|---|---|---|
| (ix) itariki n'isaha cyamunara izaberaho; | (ix) the date and the time of the public auction; | (ix) la date et l'heure de la vente aux enchères publiques; |
| (x) na konti uzatsinda muri cyamunara azashyiraho ubwishyu; | (x) and the account on which a successful bidder will deposit the payment; | (x) et le compte sur lequel le soumissionnaire le mieux offrant déposera le paiement; |
| (b) rikanasaba uwishyuzwa, uwishyuza na nyir'umutungo utezwa cyamunara gushyikiriza imyirondoro yabo yuzuye umuhesha w'inkiko kugira ngo bahuzwe n'uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu irangiza ry'inyandikompesha. | (b) and requires the debtor, the creditor and the owner of the property to be auctioned to submit their full profiles to the bailiff in order to be linked to the electronic system of execution of enforcement orders. | (b) et exige du débiteur, du créancier et du propriétaire du bien à vendre aux enchères de soumettre leurs identifications complètes à l'huissier de justice afin d'être reliés au système électronique d'exécution des titres exécutoires. |
| (3) Itangazo rya cyamunara – | (3) The notice of public auction is – | (3) L'annonce de vente aux enchères publiques est – |
| (a) rishyirwa ku rubuga rw'imanza zirangizwa, hariho ifoto y'umutungo ugurishwa n'icyemezo gihamya nyir'umutungo utezwa cyamunara; | (a) published on the Database of Judgements Enforcement together with a photo and title deed of the property subject to public auction; | (a) publiée sur la Base de Données d'Exécution des Jugements accompagnée d'une photographie du titre de propriété de bien faisant l'objet de vente aux enchères; |
| (b) rigashyikirizwa nyir'umutungo utezwa cyamunara, uwishyuzwa, uwishyuza n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'aho umutungo uherereye; | (b) given to the owner of the property to be auctioned, the debtor, the creditor and the Executive Secretary of the Cell where the property is located; | (b) remise au propriétaire du bien à vendre aux enchères, au débiteur, au créancier et au Secrétaire Exécutif de la Cellule où le bien est situé; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) rikanatangazwa kuri radiyo cyangwa televiziyo no mu kinyamakuru cyandika bikorera mu Rwanda. | (c) and announced on radio or television and in a newspaper operating in Rwanda. | (c) et annoncée à une radio ou à une télévision et dans un journal exerçant leurs activités au Rwanda. |
| (4) Iyo ari umutungo utimukanwa, itangazo rya cyamunara rimanikwa ku Biro by'Akagari k'aho uwo mutungo uherereye. | (4) When the auction concerns an immovable property, the notice of public auction is posted at the office of Cell of where the property is located. | (4) Lorsque la vente aux enchères concerne un bien immobilier, l'annonce de vente aux enchères publiques est affichée au bureau de Cellule où se trouve le bien. |
| (5) Ibintu byafatiriwe ntibishobora kugurishwa muri cyamunara mbere y'iminsi irindwi cyamunara itangajwe.» | (5) The seized property cannot be auctioned before seven days of publication of the public auction.» | (5) Les biens saisis ne peuvent pas être vendus aux enchères publiques avant sept jours suivant la date de l'annonce de vente aux enchères publiques.» |
| **Ingingo ya 4: Ibigomba kubahirizwa mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyerekeranye n'umutungo** | **Article 4: Requirements prior to execution of a decision related to property** | **Article 4: Conditions préalables à l'exécution d'une décision relative aux biens** |
| Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, ryongewemo ingingo ya 278 *bis* iteye ku buryo bukurikira: | In Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure as amended, is inserted Article 278 *bis* worded as follows: | Dans la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative telle que modifiée, il est inséré l'article 278 *bis* libellé comme suit : |
| **«Ingingo ya 278 *bis*: Ibigomba kubahirizwa mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyerekeranye n'umutungo** | **«Article 278 *bis*: Requirements prior to execution of a decision related to property** | **«Article 278 *bis*: Conditions préalables à l'exécution d'une décision relative aux biens** |
| Mbere y'uko icyemezo cyerekeranye n'umutungo wononwe cyangwa wasahuwe cyafashwe | A decision rendered by a Gacaca Court on the damaged or looted property must, prior to its | Une décision rendue par la Juridiction Gacaca sur les biens endommagés ou pillés doit, avant |

| | | |
|---|---|---|
| n'Urukiko Gacaca gishyirwa mu bikorwa, kibanza gushyirwaho inyandiko mpuruza n'Urukiko rw'Ibanze rwo mu ifasi y'aho urubanza rwabereye bimaze kwemezwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari k'aho urubanza rwabereye, mu nyandiko ishyikirizwa Perezida w'urwo rukiko.» | execution, be affixed with an enforcement formula by the Primary Court having jurisdiction in the place where the judgement was rendered upon approval by the Executive Secretary of the Cell where the case was adjudicated through a written document submitted to the President of that Court.» | qu'elle soit exécutée, être préalablement revêtue de la formule exécutoire apposée par le Tribunal de Base du ressort où la décision a été rendue après approbation par le Secrétaire Exécutif de Cellule du lieu où l'affaire a été jugée, dans un document écrit transmis au Président de cette juridiction.» |
| **Ingingo ya 5: Ikemurwa ry'impaka zivutse mu irangizwa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca** | **Article 5: Settlement of disputes arising from the execution of a judgment rendered by a Gacaca Court** | **Article 5: Règlement des litiges liés à l'exécution d'un jugement rendu par une Juridiction Gacaca** |
| Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, ryongewemo ingingo ya 278 *ter* iteye ku buryo bukurikira: | In Law nº 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure as amended, is inserted Article 278 *ter* worded as follows: | Dans la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative telle que modifiée, il est inséré l'article 278 *ter* libellé comme suit: |
| **«Ingingo ya 278 ter: Ikemurwa ry'impaka zivutse mu irangizwa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca** | **«Article 278 *ter*: Settlement of disputes arising from the execution of a judgment rendered by a Gacaca Court** | **«Article 278 *ter*: Règlement des litiges liés à l'exécution d'un jugement rendu par une Juridiction Gacaca** |
| Impaka zivutse mu irangizwa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca zikemurwa n'Urukiko rw'Ibanze rwarushyizeho inyandiko mpuruza cyangwa rw'aho cyamunara yabereye, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga. Icyemezo gifashwe kuri izo mpaka kijuririrwa inshuro imwe.» | Disputes arising from the execution of a judgement rendered by a Gacaca Court are settled by the Primary Court which has affixed the enforcement formula or of the place of execution of the auction in accordance with relevant laws. The decision on such disputes is subject to appeal only once.» | Les litiges relatifs à l'exécution d'un jugement rendu par une Juridiction Gacaca relèvent de la compétence du Tribunal de Base qui y a apposé la formule exécutoire ou du lieu de la vente aux enchères conformément à la législation en la matière. La décision sur ces litiges sont susceptibles d'appel une seule fois.» |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ingingo y'ururimi**<br><br>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br><br>**<u>Ingingo ya 7</u>: Gutangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 6</u>: Language provision**<br><br>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.<br><br>**<u>Article 7</u>: Entry into force**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 6</u>: Disposition linguistique**<br><br>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.<br><br>**<u>Article 7</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 22/01/2024<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 023/2024 RYO KU WA 25/01/2024 RIGENGA KOMISIYO Y'U RWANDA ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO** | **LAW Nº 023/2024 OF 25/01/2024 GOVERNING RWANDA LAW REFORM COMMISSION** | **LOI N° 023/2024 DU 25/01/2024 RÉGISSANT LA COMMISSION DU RWANDA DE RÉFORME DU DROIT** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIERES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**<br><br>**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**<br><br>**Ingingo ya 2: Intego**<br><br>**Ingingo ya 3:Ubuzimagatozi n'ubwisanzure**<br><br>**Ingingo ya 4: Icyicaro**<br><br>**Ingingo ya 5: Urwego rureberera RLRC**<br><br>**UMUTWE WA II: INSHINGANO**<br><br>**Ingingo ya 6: Inshingano**<br><br>**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**<br><br>**Article One: Purpose of this Law**<br><br>**Article 2: Mission**<br><br>**Article 3: Legal personality and autonomy**<br><br>**Article 4: Head office**<br><br>**Article 5: Supervising authority of RLRC**<br><br>**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES**<br><br>**Article 6: Responsibilities**<br><br>**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**<br><br>**Article premier: Objet de la présente loi**<br><br>**Article 2 : Mission**<br><br>**Article 3: Personnalité juridique et autonomie**<br><br>**Article 4: Siège**<br><br>**Article 5 : Autorité de tutelle de la RLRC**<br><br>**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS**<br><br>**Article 6: Attributions**<br><br>**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize** | **Section One: Organisation** | **Section première: Organisation** |
| **Ingingo ya 7: Ubuyobozi bwa RLRC** | **Article 7: Management of RLRC** | **Article 7: Direction de la RLRC** |
| **Ingingo ya 8: Inshingano za Perezida** | **Article 8: Responsibilities of the Chairperson** | **Article 8: Attributions du président** |
| **Ingingo ya 9: Inshingano za Visi Perezida** | **Article 9: Responsibilities of the Vice Chairperson** | **Article 9: Attributions du vice-président** |
| **Ingingo ya 10: Inshingano za Komiseri ushinzwe Ivugururwa n'Inozamyandikire ry'Amategeko** | **Article 10: Responsibilities of the Commissioner in charge of Law Reform and Revision** | **Article 10: Attributions du commissaire chargé de la réforme et de la révision des lois** |
| **Ingingo ya 11: Inshingano za Komiseri ushinzwe Imyandikire y'Amategeko no Kuyahindura mu Ndimi** | **Article 11: Responsibilities of the Commissioner in charge of Legislative Drafting and Translation** | **Article 11: Attributions du commissaire chargé de la rédaction et de la traduction des lois** |
| **Ingingo ya 12: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru** | **Article 12: Responsibilities of the Secretary General** | **Article 12: Attributions du Secrétaire général** |
| **Ingingo ya 13: Irahira ry'Abakomiseri** | **Article 13: Taking oath of Commissioners** | **Article 13: Prestation de serment des commissaires** |
| **Icyiciro cya 2: Imikorere** | **Section 2: Functioning** | **Section 2: Fonctionnement** |
| **Ingingo ya 14: Ifatwa ry'ibyemezo** | **Article 14: Decision-making** | **Article 14: Prise de décisions** |
| **Ingingo ya 15: Amategeko ngengamikorere** | **Article 15: Rules of procedure** | **Article 15: Règlement d'ordre intérieur** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: ABAKOZI N'UMUTUNGO** | **CHAPTER IV: STAFF AND PROPERTY** | **CHAPITRE IV: PERSONNEL ET PATRIMOINE** |
| **Ingingo ya 16: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **Article 16: Organisational structure** | **Article 16: Structure organisationnelle** |
| **Ingingo ya 17: Gushaka no gucunga abakozi** | **Article 17: Recruitment and management of the staff** | **Article 17: Recrutement et gestion du personnel** |
| **Ingingo ya 18: Umutungo n'inkomoko yawo** | **Article 18: Property and its sources** | **Article 18 : Patrimoine et ses sources** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 19: Ingingo y'ururimi** | **Article 19: Language provision** | **Article 19: Disposition linguistique** |
| **Ingingo ya 20: Ingingo izigama n'ivanwaho ry'ingingo** | **Article 20: Saving and repealing provision** | **Article 20: Disposition de sauvegarde et abrogatoire** |
| **Ingingo ya 21: Gutangira gukurikizwa** | **Article 21: Entry into force** | **Article 21: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 023/2024 RYO KU WA 25/01/2024 RIGENGA KOMISIYO Y'U RWANDA ISHINZWE IVUGURURWA RY'AMATEGEKO** | **LAW Nº 023/2024 OF 25/01/2024 GOVERNING RWANDA LAW REFORM COMMISSION** | **LOI N° 023/2024 DU 25/01/2024 RÉGISSANT LA COMMISSION DU RWANDA DE RÉFORME DU DROIT** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Ukuboza 2023; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 December 2023; | La Chambre des Députés, en sa séance du 20 décembre 2023; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 64 n'iya 140; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64 and 140; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64 et 140; |
| Isubiye ku Itegeko nº 44/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu; | Having reviewed Law nº 44/2013 of 16/06/2013 establishing the Rwanda Law Reform Commission (RLRC) and determining its mission, organisation and functioning, as amended to date; | Revu la Loi nº 44/2013 du 16/06/2013 portant création de la Commission Rwandaise de Réforme du Droit (RLRC) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, telle que modifiée à ce jour; |

| | | |
|---|---|---|
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Law** | **<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi** |
| Iri tegeko rigena intego, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko, yitwa "RLRC" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. | This Law determines the mission, responsibilities, organisation and functioning of Rwanda Law Reform Commission, abbreviated as "RLRC". | La présente loi détermine la mission, les attributions, l'organisation et le fonctionnement de la Commission du Rwanda de Réforme du droit dénommée "RLRC" en sigle anglais. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Intego** | **<u>Article 2</u>: Mission** | **<u>Article 2</u>: Mission** |
| RLRC ifite intego yo gusesengura amategeko ariho no gutanga inama zo mu rwego rwa tekiniki ku mbanzirizamushinga z'amategeko haba ku ireme cyangwa mu myandikire. | The mission of RLRC is to analyse laws in force and provide technical advice on draft bills with regard to both substance and drafting. | La RLRC a la mission d`analyser les lois en vigueur et de donner des conseils techniques sur les avant-projets de lois concernant le fond et les aspects rédactionnels. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure** | **<u>Article 3</u>: Legal personality and autonomy** | **<u>Article 3</u>: Personnalité juridique et autonomie** |
| RLRC ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'abakozi n'umutungo. | RLRC has legal personality and enjoys administrative, financial and human resource management autonomy. | La RLRC est dotée de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie administrative, financière et de gestion des ressources humaines. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Icyicaro** | **<u>Article 4</u>: Head office** | **<u>Article 4</u>: Siège** |
| Icyicaro cya RLRC kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda | The head office of RLRC is located in the City of Kigali. It may be relocated elsewhere on the | Le siège de la RLRC est établi dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de besoin, être transféré |

| | | |
|---|---|---|
| igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. | territory of Rwanda if considered necessary, on approval by a Prime Minister's Order. | à un autre lieu du territoire du Rwanda, sur approbation d'un arrêté du Premier ministre. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Urwego rureberera RLRC** | **<u>Article 5</u>: Supervising authority of RLRC** | **<u>Article 5</u>: Autorité de tutelle de la RLRC** |
| RLRC irebererwa na Minisiteri ifite ivugururwa ry'amategeko mu nshingano. | RLRC is under the supervision of the Ministry in charge of law reform. | La RLRC est placée sous la tutelle du ministère ayant la réforme du droit dans ses attributions. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INSHINGANO** | **<u>CHAPTER II</u>: RESPONSIBILITIES** | **<u>CHAPITRE II</u> : ATTRIBUTIONS** |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Inshingano** | **<u>Article 6</u>: Responsibilities** | **<u>Article 6</u>: Attributions** |
| (1) RLRC ifite inshingano zikurikira: | (1) RLRC has the following responsibilities: | (1) La RLRC a les attributions suivantes: |
| (a) gusesengura amategeko no gutanga inama ku nzego za Leta ku ivugururwa n'imyandikire inoze byayo; | (a) to analyse laws and provide advice to State organs on their reform and proper drafting; | (a) analyser les lois et donner des conseils aux organes de l'État sur leur réforme et leur rédaction appropriée; |
| (b) gukora inyigo zigamije gusuzuma amategeko ariho hagamijwe kugaragaza atagikoreshwa n'amashya akenewe; | (b) to conduct studies designed to assess laws in force to identify obsolete and new necessary laws; | (b) faire des études destinées à évaluer des lois en vigueur afin d'identifier les lois obsolètes et les nouvelles lois nécessaires; |
| (c) kugaragaza amategeko akwiye guhuzwa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu; | (c) to identify laws that should be harmonised with international treaties and agreements that Rwanda has ratified; | (c) identifier les lois qui devraient être harmonisées avec les traités et les accords internationaux que le Rwanda a ratifiés; |
| (d) kugaragaza amategeko ateganywa n'Itegeko Nshinga atarategurwa no kuyategurira imishinga; | (d) to identify laws provided for under the Constitution that have not yet been initiated and prepare related draft laws; | (d) identifier les lois prévues par la Constitution qui ne sont pas encore initiées et en préparer les projets; |

| | | |
|---|---|---|
| (e) gutegura, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, imishinga y'amategeko akwiye kuvugururwa, ikayishyikiriza urwego bireba; | (e) to prepare, on its initiative or on request, draft laws related to laws that need to be reformed and submit them to the relevant organ; | (e) préparer, de sa propre initiative ou sur demande, des projets de lois relatifs aux lois nécessitant une réforme et les transmettre à l'organe concerné; |
| (f) gusuzuma imbanzirizamushinga z'amategeko yateguwe n'izindi nzego za Leta; | (f) to examine draft bills prepared by other State organs; | (f) examiner les avant-projets de lois préparés par d'autres organes de l'État; |
| (g) gutanga ibitekerezo, iyo ibisabwe, ku mushinga w'itegeko watangijwe n'Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite; | (g) to contribute, on request, on a draft law initiated by a Deputy or a group of Deputies; | (g) contribuer, sur demande, à un projet de loi initié par un Député ou un groupe de Députés; |
| (h) kugira uruhare mu isuzumwa ry'imishinga y'amategeko mu Nteko Ishinga Amategeko; | (h) to participate in the examination of draft laws in the Parliament; | (h) participer à l'examen des projets de lois au Parlement; |
| (i) gutunganya imyandikire y'amategeko n'ihuzwa ry'indimi, guhera mu itegurwa ry'umushinga w'itegeko kugeza itegeko ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda; | (i) to ensure proper drafting of laws and harmonisation of languages from the preparation of a draft law to the publication of the law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda; | (i) veiller à la bonne rédaction des lois et à l'harmonisation des langues dès la préparation du projet de loi jusqu'à la publication de la loi au Journal Officiel de la République du Rwanda; |
| (j) kwakira no gusuzuma ibitekerezo ku ivugururwa ry'amategeko; | (j) to receive and consider proposals for reform of laws; | (j) recevoir et examiner des propositions de réforme de lois; |
| (k) gutegura inozamyandikire ry'amategeko; | (k) to carry out the revision of legislation; | (k) effectuer la révision des textes normatifs; |

| | | |
|---|---|---|
| (l) gufatanya n'inzego zo mu bindi bihugu zihuje intego na yo; | (l) to cooperate with institutions of other countries with similar mission; | (l) coopérer avec les institutions des autres pays ayant la même mission; |
| (m) gukorana n'izindi nzego za Leta n'izigenga ; | (m) to collaborate with other public and private institutions; | (m) collaborer avec d'autres institutions publiques et privées; |
| (n) gutumira, rimwe mu mwaka n'igihe bibaye ngombwa, inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'amategeko; | (n) to organize annually and whenever necessary, a consultative meeting on legislative development; | (n) organiser annuellement et chaque fois que nécessaire une réunion consultative sur le développement législatif; |
| (o) gushyiraho imirongo ngenderwaho y'imyandikire y'amategeko. | (o) to issue guidelines on legislative drafting. | (o) émettre des lignes directrices sur la rédaction des textes normatifs. |
| (2) « Inozamyandikire ry'amategeko » iteganywa mu gika cya (1)(k) cy'iyi ngingo bivuga gutunganya itegeko udahinduye ireme ry'ibiriteganywamo. | (2) "The revision of legislation" referred to in Paragraph (1)(k) of this Article means fine-tuning a legislation without changing the substance of its provisions. | (2) « La révision des textes normatifs » visée au paragraphe (1)(k) du présent article signifie affiner un texte normatif sans changer le fond de ses dispositions. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Imitunganyirize** | **<u>Section One</u>: Organisation** | **<u>Section première</u>: Organisation** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ubuyobozi bwa RLRC** | **<u>Article 7</u>: Management of RLRC** | **<u>Article 7</u>: Direction de la RLRC** |
| (1) RLRC iyoborwa na Perezida yunganiwe na Visi Perezida, bakaba ari Abakomiseri. Ifite kandi Komiseri ushinzwe Ivugururwa n'Inozamyandikire ry'Amategeko na | (1) RLRC is managed by the Chairperson assisted by the Vice Chairperson and they are Commissioners. It also has a Commissioner in charge of Law Reform and Revision and a Commissioner in | (1) La RLRC est dirigée par le président assisté par le vice-président et ils sont des commissaires. Elle est également dotée d'un commissaire chargé de la réforme et de la révision des lois et |

| | | |
|---|---|---|
| Komiseri ushinzwe Imyandikire y'Amategeko no kuyahindura mu Ndimi . Nibura 30% bagomba kuba ari abagore. Abakomiseri ba RLRC bakora mu buryo buhoraho. | charge of Legislative Drafting and Translation. At least 30% must be female. Commissioners at RLRC perform their duties on a permanent basis. | d'un commissaire chargé de la rédaction et de la traduction des lois. Au moins 30% doivent être de sexe féminin. Les commissaires de la RLRC exercent leurs fonctions de manière permanente. |
| (2) RLRC ifite Umunyamabanga Mukuru. | (2) RLRC has a Secretary General. | (2) La RLRC a un secrétaire général. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Inshingano za Perezida** | **<u>Article 8</u>: Responsibilities of the Chairperson** | **<u>Article 8</u>: Attributions du président** |
| Perezida wa RLRC afite inshingano zikurikira: | The Chairperson of RLRC has the following responsibilities: | Le président de la RLRC a les attributions suivantes: |
| (a) kuyobora no guhuza ibikorwa bya RLRC; | (a) to lead and coordinate activities of RLRC; | (a) diriger et coordonner les activités de la RLRC ; |
| (b) guteza imbere imikoranire myiza ya RLRC n'izindi nzego; | (b) to promote smooth collaboration between RLRC and other institutions; | (b) promouvoir la bonne collaboration entre la RLRC et d'autres institutions; |
| (c) gutumiza no kuyobora inama za RLRC; | (c) to convene and chair the meetings of RLRC; | (c) convoquer et présider les réunions de la RLRC ; |
| (d) guhagararira RLRC imbere y'amategeko; | (d) to act as legal representative of RLRC; | (d) être le représentant légal de la RLRC; |
| (e) gushyikiriza raporo za RLRC inzego bireba; | (e) to submit RLRC reports to the relevant organs; | (e) soumettre les rapports de la RLRC aux organes concernés; |
| (f) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za RLRC yahabwa n'urwego rumukuriye. | (f) to perform any other duty related to the responsibilities of RLRC that his or her superior organ may assign to him or her. | (f) exécuter toute autre tâche relative aux attributions de la RLRC que son organe hiérarchique peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 9: Inshingano za Visi Perezida** | **Article 9: Responsibilities of the Vice Chairperson** | **Article 9: Attributions du vice-président** |
| Visi Perezida wa RLRC afite inshingano zikurikira: | The Vice Chairperson of RLRC has the following responsibilities: | Le vice-président de la RLRC a les attributions suivantes: |
| (a) kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari; | (a) to assist the Chairperson and deputise him or her in case of absence; | (a) assister le président et le remplacer en cas d'absence; |
| (b) gukurikirana ibikorwa byerekeye ivugururwa n'inozamyandikire ry'amategeko, imyandikire yayo no kuyahindura mu ndimi; | (b) to supervise activities related to law reform and revision, legislative drafting and translation; | (b) superviser les activités relatives à la réforme et à la révision des lois, à la rédaction et à la traduction des lois; |
| (c) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za RLRC yahabwa n'umuyobozi umukuriye. | (c) to perform any other duty related to the responsibilities of RLRC that may be assigned to him or her by his or her supervisor. | (c) exécuter toute autre tâche relative aux attributions de la RLRC qui peut lui être confiée par son supérieur hiérarchique. |
| **Ingingo ya 10: Inshingano za Komiseri ushinzwe Ivugururwa n'Inozamyandikire ry'Amategeko** | **Article 10: Responsibilities of the Commissioner in charge of Law Reform and Revision** | **Article 10: Attributions du commissaire chargé de la réforme et de la révision des lois** |
| Komiseri ushinzwe Ivugururwa n'inozamyandikire ry'Amategeko afite inshingano zikurikira: | The Commissioner in charge of Law Reform and Revision has the following responsibilities: | Le commissaire chargé de la réforme et de la révision des lois a les attributions suivantes: |
| (a) guhuza ibikorwa by'ivugururwa n'inozamyandikire ry'amategeko; | (a) to coordinate activities of law reform and revision; | (a) coordonner les activités de réforme et de révision des lois; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) kugira inama RLRC ku bibazo bijyanye n'ivugururwa n'inozamyandikire ry'amategeko; | (b) to advise RLRC on law reform and revision related issues; | (b) conseiller la RLRC sur les questions relatives à la réforme et à la révision des lois; |
| (c) kubungabunga ububiko bw'amategeko; | (c) to ensure the maintenance of the database of laws; | (c) assurer l'entretien de la base de données des lois; |
| (d) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za RLRC yahabwa n'umuyobozi umukuriye. | (d) to perform any other duty related to the responsibilities of RLRC that may be assigned to him or her by his or her supervisor. | (d) exécuter toute autre tâche relative aux attributions de la RLRC que son supérieur hiérarchique peut lui confier. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano za Komiseri ushinzwe Imyandikire y'Amategeko no Kuyahindura mu Ndimi** | **<u>Article 11</u>: Responsibilities of the Commissioner in charge of Legislative Drafting and Translation** | **<u>Article 11</u>: Attributions du commissaire chargé de la rédaction et de la traduction des lois** |
| Komiseri ushinzwe imyandikire y'amategeko no kuyahindura mu ndimi afite inshingano zikurikira: | The Commissioner in charge of Legislative Drafting and Translation has the following responsibilities: | Le commissaire chargé de la rédaction et de la traduction des lois a les attributions suivantes: |
| (a) guhuza ibikorwa by'imyandikire y'amategeko no kuyahindura mu ndimi; | (a) to coordinate activities of legislative drafting and translation; | (a) coordonner les activités de la rédaction et de la traduction des lois; |
| (b) kugira inama RLRC ku bibazo bijyanye n'imyandikire y'amategeko no kuyahindura mu ndimi; | (b) to advise RLRC on legislative drafting and translation related issues; | (b) conseiller la RLRC sur les questions relatives à la rédaction et à la traduction des lois; |
| (c) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za RLRC yahabwa n'umuyobozi umukuriye. | (c) to perform any other duty related to the responsibilities of RLRC that may be assigned to him or her by his or her supervisor. | (c) exécuter toute autre tâche relative aux attributions de la RLRC que son supérieur hiérarchique peut lui confier. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 12: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru** | **Article 12: Responsibilities of the Secretary General** | **Article 12: Attributions du Secrétaire général** |
| Umunyamabanga Mukuru afite inshingano zikurikira: | The Secretary General has the following responsibilities: | Le Secrétaire général a les attributions suivantes: |
| (a) kuba umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta; | (a) to act as the Chief Budget Manager; | (a) servir de gestionnaire principal du budget ; |
| (b) gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bya RLRC byemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (b) to prepare the planning and draft budget proposal of RLRC to be adopted by the meeting of Commissioners; | (b) élaborer la planification et l'avant-projet de budget de la RLRC à être adoptés par la réunion des commissaires; |
| (c) gutegura gahunda y'ibikorwa y'umwaka ya RLRC yemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (c) to prepare the annual action plan of RLRC to be approved by the meeting of Commissioners; | (c) élaborer le plan d'action annuel de la RLRC à être approuvé par la réunion des commissaires; |
| (d) gukurikirana serivisi zunganira ibikorwa bya RLRC; | (d) to ensure daily follow-up of support services of RLRC activities; | (d) assurer le suivi quotidien des services d'appui aux activités de la RLRC; |
| (e) gutegura inyandiko zisuzumwa kandi zikemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (e) to prepare documents to be examined and approved by the meeting of Commissioners; | (e) préparer les documents à être examinés et approuvés par la réunion des commissaires; |
| (f) gutegura gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire ya RLRC yemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (f) to prepare the strategic plan of RLRC to be approved by the meeting of Commissioners; | (f) élaborer le plan stratégique de la RLRC à être approuvé par la réunion des commissaires; |
| (g) gutegura amategeko ngengamikorere ya RLRC yemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (g) to prepare the rules of procedure of RLRC to be approved by the meeting of Commissioners; | (g) élaborer le règlement d'ordre intérieur de la RLRC à être adopté par la réunion des commissaires; |

| | | |
|---|---|---|
| (h) gutegura raporo y'ibikorwa y'igihembwe n'iy'umwaka zemezwa mu nama y'Abakomiseri; | (h) to prepare quarterly and annual activity reports to be approved by the meeting of Commissioners; | (h) élaborer les rapports d'activités trimestriels et annuels à être approuvés par la réunion des commissaires ; |
| (i) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za RLRC yahabwa n'umuyobozi umukuriye. | (i) to perform any other duty related to the responsibilities of RLRC that may be assigned to him or her by his or her supervisor. | (i) exécuter toute autre tâche relative aux attributions de la RLRC qui peut lui être confiée par son supérieur hiérarchique. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Irahira ry'Abakomiseri** | **<u>Article 13</u>: Taking oath of Commissioners** | **<u>Article 13</u>: Prestation de serment des commissaires** |
| Mbere yo gutangira imirimo, Abakomiseri barahira indahiro y'abayobozi iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda hakurikijwe amategeko abigenga. | Before assuming responsibilities, the Commissioners take an oath of public officials provided for by the Constitution of the Republic of Rwanda in accordance with relevant laws. | Avant d'entrer en fonction, les commissaires prêtent le serment des autorités prévu par la Constitution de la République du Rwanda conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>*:* Imikorere** | **<u>Section 2</u>: Functioning** | **<u>Section 2</u>: Fonctionnement** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 14</u>: Decision-making** | **<u>Article 14</u>: Prise de décisions** |
| Abakomiseri bafatira ibyemezo mu nama. Umunyamabanga Mukuru yitabira inama y'Abakomiseri, akayibera umwanditsi kandi akagira uruhare mu gutanga ibitekerezo. | The Commissioners take decisions at their meeting. The Secretary General attends Commissioners' meetings, acts as rapporteur and contributes his or her opinions. | Les commissaires prennent les décisions lors de leur réunion. Le Secrétaire général participe aux réunions des commissaires, en est le rapporteur et donne ses avis. |
| **<u>Ingngo ya 15</u>: Amategeko ngengamikorere** | **<u>Article 15</u>: Rules of procedure** | **<u>Article 15</u>: Règlement d'ordre intérieur** |
| Amategeko ngengamikorere ya RLRC agena imikorere yayo. | Rules of procedure of RLRC determine its functioning. | Le règlement d'ordre intérieur de la RLRC détermine son fonctionnement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: ABAKOZI N'UMUTUNGO** | **<u>CHAPTER IV</u>: STAFF AND PROPERTY** | **<u>CHAPITRE IV</u>: PERSONNEL ET PATRIMOINE** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **<u>Article 16</u>: Organisational structure** | **<u>Article 16</u>: Structure organisationnelle** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RLRC. | A Prime Minister's Order determines the organisational structure of RLRC. | Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure organisationnelle de la RLRC. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Gushaka no gucunga abakozi** | **<u>Article 17</u>: Recruitment and management of the staff** | **<u>Article 17</u>: Recrutement et gestion du personnel** |
| Abakozi ba RLRC bashakwa kandi bagacungwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The staff of RLRC are recruited and managed in accordance with relevant laws. | Le personnel de la RLRC est recruté et géré conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Umutungo n'inkomoko yawo** | **<u>Article 18</u>: Property and its sources** | **<u>Article 18</u>: Patrimoine et ses sources** |
| Umutungo wa RLRC ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of RLRC comprises movable and immovable property. It derives from the following sources: | Le patrimoine de la RLRC comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes: |
| (a) ingengo y'imari igenerwa na Leta; | (a) state budget allocations; | (a) les dotations budgétaires de l'État; |
| (b) inkunga z'abafatanyabikorwa; | (b) partners' subsidies; | (b) les subventions des partenaires; |
| (c) impano n'indagano. | (c) donations and bequests. | (c) les dons et legs. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ingingo y'ururimi**<br><br>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | **<u>Article 19</u>: Language provision**<br><br>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. | **<u>Article 19</u>: Disposition linguistique**<br><br>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Ingingo izigama n'ivanwaho ry'ingingo**<br><br>Uretse ingingo ya mbere y'Itegeko n° 44/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, izindi ngingo zaryo zivanyweho. | **<u>Article 20</u>: Saving and repealing provision**<br><br>Except Article One of Law n° 44/2013 of 16/06/2013 establishing the Rwanda Law Reform Commission (RLRC) and determining its mission, organisation and functioning as amended to date, its other provisions are repealed. | **<u>Article 20</u>: Disposition de sauvegarde et abrogatoire**<br><br>À l'exception de l'article premier de la Loi n° 44/2013 du 16/06/2013 portant création de la Commission Rwandaise de Réforme du Droit (RLRC) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement telle que modifiée à ce jour, ses autres dispositions sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Gutangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 21</u>: Entry into force**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 21</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 25/01/2024<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 024/2024 RYO KU WA 26/01/2024 RIHINDURA ITEGEKO Nº 007/2019 RYO KU WA 13/04/2019 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI** | **LAW Nº 024/2024 OF 26/01/2024 AMENDING LAW Nº 007/2019 OF 13/04/2019 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY** | **LOI N° 024/2024 DU 26/01/2024 MODIFIANT LA LOI N° 007/2019 DU 13/04/2019 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Inshingano za RCAA**<br><br>**Ingingo ya 2: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA**<br><br>**Ingingo ya 3: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA**<br><br>**Ingingo ya 4: Ingingo y'ururimi**<br><br>**Ingingo ya 5: Gutangira gukurikizwa** | **Article One: Responsibilities of RCAA**<br><br>**Article 2: Composition of the Board of Directors of RCAA**<br><br>**Article 3: Powers and responsibilities of the Director General of RCAA**<br><br>**Article 4: Language provision**<br><br>**Article 5: Entry into force** | **Article premier: Attributions du RCAA**<br><br>**Article 2: Composition du Conseil d'administration du RCAA**<br><br>**Article 3: Pouvoirs et attributions du Directeur général du RCAA**<br><br>**Article 4: Disposition linguistique**<br><br>**Article 5: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 024/2024 RYO KU WA 26/01/2024 RIHINDURA ITEGEKO Nº 007/2019 RYO KU WA 13/04/2019 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI** | **LAW Nº 024/2024 OF 26/01/2024 AMENDING LAW Nº 007/2019 OF 13/04/2019 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY** | **LOI N° 024/2024 DU 26/01/2024 MODIFIANT LA LOI N° 007/2019 DU 13/04/2019 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE** |
| **Twebwe KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Ukuboza 2023; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 20 December 2023; | La Chambre des Députés, en sa séance du 20 décembre 2023; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64; |
| Isubiye ku Itegeko nº 007/2019 ryo ku wa 13/04/2019 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisiviri cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 10 n'iya 25; | Having reviewed Law nº 007/2019 of 13/04/2019 establishing Rwanda Civil Aviation Authority, especially in Articles 6,10 and 25; | Revu la Loi nº 007/2019 du 13/04/2019 portant création de l'Office rwandais de l'Aviation civile, spécialement en ses articles 6, 10 et 25; |

| | | |
|---|---|---|
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Inshingano za RCAA** | **<u>Article One</u>: Responsibilities of RCAA** | **<u>Article premier</u>: Attributions du RCAA** |
| Ingingo ya 6 y'Itegeko nº 007/2019 ryo ku wa 13/04/2019 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisiviri ihinduwe ku buryo bukurikira: | Article 6 of Law nº 007/2019 of 13/04/2019 establishing Rwanda Civil Aviation Authority is amended as follows: | L'article 6 de la Loi nº 007/2019 du 13/04/2019 portant création de l'Office rwandais de l'Aviation civile est modifié comme suit : |
| « RCAA ifite inshingano zikurikira: | "RCAA has the following responsibilities: | « Le RCAA a les attributions suivantes: |
| (a) guteza imbere ibijyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere no kugenzura imikorere y'abantu n'amasosiyete byemerewe gukora ibijyanye n'iby'indege za gisiviri; | (a) to promote the development of air transport of persons and goods and supervise the operations of persons and companies authorised to operate in the area of civil aviation; | (a) promouvoir le transport aérien des personnes et des biens et superviser les opérations des personnes et des sociétés autorisées à opérer dans le secteur de l'aviation civile; |
| (b) kugenzura ko ibijyanye n'iby'indege za gisiviri byubahiriza amasezerano mpuzamahanga, amategeko n'amabwiriza; | (b) to monitor the compliance of the civil aviation industry with international legal instruments, laws and regulations; | (b) surveiller le respect, par le secteur de l'aviation civile, des instruments juridiques internationaux, des lois et des règlements; |
| (c) gutanga ibyemezo, uburenganzira n'impushya bikenerwa mu bijyanye n'iby'indege za gisiviri hakurikijwe amategeko n'amabwiriza azigenga; | (c) to issue permits, authorisations and licenses required in civil aviation in accordance with relevant Laws and regulations; | (c) délivrer, conformément aux lois et aux règlements en la matière, des permis, des autorisations et des licences nécessaires dans le domaine de l'aviation civile; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) kugira inama Guverinoma mu mikoranire yayo n'Umuryango Mpuzamahanga w'Indege za Gisiviri; | (d) to advise the Government on its relationship with the International Civil Aviation Organization; | (d) conseiller le Gouvernement sur ses relations avec l'Organisation de l'Aviation civile internationale; |
| (e) kugira inama Guverinoma ku birebana no gutwara abantu n'ibintu mu kirere; | (e) to advise the Government on air transport of persons and goods; | (e) conseiller le Gouvernement sur le transport aérien des personnes et des biens; |
| (f) kugira inama Guverinoma ku bikorwa byose byihutisha iterambere ry'ibikorwaremezo bijyanye n'iby'indege za gisiviri mu Rwanda; | (f) to advise the Government on all activities that accelerate the development of infrastructure of civil aviation industry in Rwanda; | (f) conseiller le Gouvernement sur toutes les activités accélérant le développement des infrastructures du secteur de l'aviation civile au Rwanda; |
| (g) guhagararira u Rwanda nk'urwego rw'Igihugu ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye n'indege za gisiviri; | (g) to represent Rwanda at the international level in respect of matters relating to civil aviation in its capacity as the national authority; | (g) représenter, en sa qualité d'office national, le Rwanda sur le plan international en ce qui concerne l'aviation civile; |
| (h) gukorana n'izindi nzego mu kubungabunga ibijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri; | (h) to collaborate with other organs to ensure the safety of civil aviation; | (h) collaborer avec d'autres organes pour assurer la sécurité de l'aviation civile; |
| (i) kwegeranya, gusesengura no gukoresha ibarurishamibare ryo ku bibuga by'indege n'iry'abandi batanga serivisi mu by'indege za gisiviri; | (i) to gather, analyse and use statistical data of airports and other civil aviation service providers; | (i) rassembler, analyser et utiliser les données statistiques des aéroports et autres prestataires de services de l'aviation civile; |
| (j) gutanga amahugurwa no guhanga ibishya mu by'indege za gisiviri; | (j) to provide training and innovation in civil aviation; | (j) assurer la formation et l'innovation dans l'aviation civile; |
| (k) kugenzura ibigo bitanga amahugurwa mu by'indege za gisiviri; | (k) to oversee civil aviation training organisations; and | (k) contrôler les organismes de formation en aviation civile; et |

(l) no gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.»

**Ingingo ya 2: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA**

Ingingo ya 10 y'Itegeko nº 007/2019 ryo ku wa 13/04/2019 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisiviri ihinduwe ku buryo bukurikira:

(1) **"**Inama y'Ubuyobozi ya RCAA igizwe n'abantu barindwi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.

(2) Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

(3) Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora mu buryo buziguye cyangwa butaziguye ibikorwa byabo birebana na serivisi mu by'indege za gisiviri cyangwa gukora mu nzego zigengwa n'amategeko agenga indege za gisiviri mu Rwanda.

(l) to establish relations and collaborate with other regional and international bodies with similar responsibilities."

**Article 2: Composition of the Board of Directors of RCAA**

Article 10 of Law nº 007/2019 of 13/04/2019 establishing Rwanda Civil Aviation Authority is amended as follows:

(1) "The Board of Directors of RCAA is composed of seven members appointed by a Presidential Order, including its Chairperson and Deputy Chairperson.

(2) Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

(3) Members of the Board of Directors are prohibited from engaging, whether directly or indirectly, in personal activities related to civil aviation or working in entities governed by Laws governing civil aviation in Rwanda.

(l) entretenir des relations et collaborer avec d'autres entités régionales et internationales ayant des attributions similaires ».

**Article 2: Composition du Conseil d'administration du RCAA**

L'article 10 de la Loi nº 007/2019 du 13/04/2019 portant création de l'Office rwandais de l'Aviation civile est modifié comme suit :

(1) « Le Conseil d'administration du RCAA est composé de sept membres nommés par l'arrêté présidentiel, y compris son président et son vice-président.

(2) Les membres du Conseil d'administration sont choisis sur la base de leur compétence et de leur expertise.

(3) Les membres du Conseil d'administration ne sont pas autorisés à s'impliquer directement ou indirectement dans des activités personnelles en rapport avec l'aviation civile ou travailler au sein des entités régies par les lois régissant l'aviation civile au Rwanda.

| | | |
|---|---|---|
| (4) Nibura 30% by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.<br><br>(5) Abagize Inama y'Ubuyobozi bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa."<br><br>**<u>Ingingo ya 3</u>: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA**<br><br>Ingingo ya 25 y'Itegeko nº 007/2019 ryo ku wa 13/04/2019 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisiviri ihinduwe ku buryo bukurikira:<br><br>"Umuyobozi Mukuru wa RCAA afite ububasha n'inshingano bikurikira:<br><br>(a) gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RCAA akurikije amategeko abigenga;<br><br>(b) kuyobora no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri munsi bya RCAA hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga;<br><br>(c) guhagararira RCAA imbere y'amategeko; | (4) At least 30% of the members of the Board of Directors must be females.<br><br>(5) Members of the Board of Directors serve a renewable term of office of five years."<br><br>**<u>Article 3</u>: Powers and responsibilities of the Director General of RCAA**<br><br>Article 25 of Law nº 007/2019 of 13/04/2019 establishing Rwanda Civil Aviation Authority is amended as follows:<br><br>"The Director General of RCAA has the following powers and responsibilities:<br><br>(a) to make decisions on the management of human resources and property of RCAA in accordance with relevant Laws;<br><br>(b) to head and coordinate daily tasks and activities of RCAA in accordance with relevant laws and regulations;<br><br>(c) to serve as a legal representative of RCAA; | (4) Au moins 30% des membres du Conseil d'administration doivent être de sexe féminin.<br><br>(5) Les membres du Conseil d'administration ont un mandat de cinq ans, renouvelable ».<br><br>**<u>Article 3</u>: Pouvoirs et attributions du Directeur général du RCAA**<br><br>L'article 25 de la loi nº 007/2019 du 13/04/2019 portant création de l'Office rwandais de l'Aviation civile est modifié comme suit:<br><br>« Le Directeur général du RCAA a les pouvoirs et attributions suivants:<br><br>(a) prendre des décisions en matière de gestion des ressources humaines et du patrimoine du RCAA conformément aux lois en la matière;<br><br>(b) diriger et coordonner les tâches et activités quotidiennes du RCAA conformément aux lois et règlements en la matière ;<br><br>(c) servir en qualité de représentant légal du RCAA; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) kuba umuvugizi wa RCAA; | (d) to serve as a spokesperson of RCAA; | (d) servir en qualité de porte-parole du RCCA; |
| (e) guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi hashingiwe ku mategeko abigenga; | (e) to impose administrative fine under relevant laws; | (e) imposer une amende administrative en vertu des lois en la matière; |
| (f) gutegura gahunda na raporo by'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | (f) to prepare the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors of RCAA; | (f) élaborer le plan d'action et le rapport d'activités devant être approuvés par le Conseil d'administration du RCAA; |
| (g) kwemeza gahunda y'amahugurwa yateguwe n'inzego za tekiniki n'iyo guhanga ibishya mu by'indege za gisiviri; | (g) to adopt the training plan developed by technical bodies and the civil aviation innovation plan; | (g) adopter le plan de formation élaboré par les organes techniques et le plan d'innovation en matière d'aviation civile; |
| (h) gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RCAA yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | (h) to prepare draft rules of procedure of RCAA to be approved by the Board of Directors of RCAA; | (h) élaborer un projet de règlement d'ordre intérieur du RCAA pour approbation par le Conseil d'administration du RCAA; |
| (i) gushyiraho inyandiko itandukanya inshingano z'ishami rishinzwe ubugenzuzi bw'umutekano w'indege za gisiviri, irishinzwe amahugurwa no guhanga ibishya n'irindi shami ritanga serivisi zirebana n'iby'indege za gisiviri muri RCAA; | (i) to establish a document determining the separation of functions between the unit in charge of civil aviation safety oversight, the unit in charge of training and innovation and any other unit providing civil aviation services within RCAA; | (i) mettre en place un document déterminant la séparation des fonctions entre l'unité chargée du contrôle de la sécurité de l'aviation civile, l'unité chargée de la formation et de l'innovation ainsi que toute autre unité offrant des services d'aviation civile au sein du RCAA; |
| (j) gutegura imbanzirizamushinga | (j) to prepare the draft annual budget proposal of RCAA; | (j) préparer l'avant-projet de budget annuel du RCAA; |

| | | |
|---|---|---|
| y'ingengo y'imari y'umwaka ya RCAA;<br><br>(k) gucunga ingengo y'imari ya RCAA n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;<br><br>(l) gutumira no kuyobora inama za RCAA;<br><br>(m) no gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano za RCAA yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi." | (k) to manage and execute the budget of RCAA;<br><br>(l) to convene and chair the meetings of RCAA; and<br><br>(m) to perform such other duties falling within the responsibilities of RCAA as may be assigned by the Board of Directors." | (k) assurer la gestion et l'exécution du budget du RCAA;<br><br>(l) convoquer et présider les réunions du RCAA; et<br><br>(m) s'acquitter de toutes autres tâches relevant des attributions du RCAA que pourrait lui confier le Conseil d'administration ». |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Ingingo y'ururimi**<br><br>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | **<u>Article 4</u>: Language provision**<br><br>This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. | **<u>Article 4</u>: Disposition linguistique**<br><br>La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Gutangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 5</u>: Entry into force**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 5</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 26/01/2024<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |